

Ibipimo fatizo bya Naturland

Ibintu by'ingenzi



Guhindura umurima wose

Guhindura umurima wose ukaba watanga umusaruro w'umwimerere bigabanya ibyago byo kwanduza isambu, kuvanga cyangwa guhindura ukava ku buhinzi bukoresha ifumbire y'imvaruganda ukajya gukoresha ifumbire y'imborera

Inshingano mbonezamu

Ibipimo fatizo bya Naturland biruzuye kandi bigizwe n'amahame yo guha agaciro abantu bakora cyanga batuye mu isambu. Ku bahanzi bakorana na Naturland, imiterere myiza y'akazi, urugero nk'amasezerano y'akazi, uburinganire, umushahara, amasaha y'akazi n'innyungu zijiyanje n'imibereho myiza, bikwiye kwitabwaho.

Gufumbira ubutaka

Naturland ifite urutonde n'umubare w'inyongeramusaruro zemewe. Amatotoro asanzwe y'inkoko za kizungu nisaso yazo hamwe n'ifumbire mvaruganda yakozwe mu matotoro y'inkoko za kizungu, amaraso cyangwa ibiryo by'amafu birabujije

Uburumbuke bw'ubutaka

Nibura 1/5 by'ubutaka buhingwa bugomba guhingwaho ibinyamisogwe nk'uburyo bw'ibanza bwo kongera uburumbuke bw'ubutaka. Ku biningwa bitinda mu murirma, ni itegeko gutera ibiti by'ibihuru ndetse birinda ubutaka kwangirika.

Gusimburana ibihingwa mu buhinzi bw'emyaka itinda mu murima, ni ishingiro ry'ubuhinzi bw'umwimerere. Igamije kurema uburumbuke bw'ubutaka mu buryo burambye no kurwanya icyarimwe ibyatsi by'ibonyi, indwara n'udukoko.

Kurinda umusaruro w'ibihingwa

Intego ni guteza imbere urusobe rw'ibidukikije bimeze neza kandi bidakenera ibindi kugira ngo bibebo. Gucunga ubutaka, ibinyabuzima, gusimburana ibihingwa, gukoresha ifumbire, kongera urusobe rw'ibinyabuzima no guhitamo ibimera bimeze neza kandi byihanganira impinduka z'ikirere bishyirwa mu bikorwa. Ibikoreshwa by'ibinyabutabire n'ibigenzura imikuirie y'ibihingwa birabujije.

Ibiti bitinda mu mirima iba ahantu hashyushye

Uburyo bwo guhinga burambye nukumenya neza niba ubutaka butwikerere neza. Gutera ibiti mu duce duherereye ku nkombé z'amazi, no kuvugurura ibisigazwa by'umwimerere (ni ukuvuga ifumbire y'imborera) kugira ngo bizongere gukoreshwa.

Gutera ibiti bivangwa n'emyaka

Ubuhinzi bw'ikawa na kakawo bugomba gukorwa nk'ubuhinzi bw'ibiti bivangwa n'emyaka n'ibiti by'igicucu bigizwe n'amoko menshi: nibura nk'amoko 12 kuri hegitarì bitanga igicucu cya 40%.